REPUBULIKA Y'U RWANDA

Nyaruguru ku wa 03/07/2019

N° 026/NJYA/2019

SOUTHERN PROVINCE
RECEPTION
DATE: 10 JUL 2019
SIGNATURE:

INTARA Y'AMAJYEPFO

AKARERE KA NYARUGURU

Bwana Guverineri w'Intara y'Amajyepfo
NYANZA

Impamvu: Ibyemezo by'Inama Njyanama isanzwe yo ku wa 28 Kamena 2019

Bwana Guverineri,

Mbandikiye mbagezaho ibyemezo by'inama y'Inama Njyanama isanzwe y'Akarere ka Nyaruguru yateraniye i Kibeho kuri Regina Pacis ku wa 28 Kamena 2019, yitabiriwe n'abajyanama 23 kuri 28 bagize Inama Njyanama y'Akarere ka Nyaruguru.

Ibyo byemezo murabisanga ku mugereka w'uru rwandiko.

Mugire amahoro.

MUNGWAKUZWE Yves
Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere ka Nyaruguru

Bimenyeshejwe :

- Bwana Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu
  KIGALI
- Bwana Umuyobozi w'Akarere ka Nyaruguru
  NYARUGURU

REPUBULIKA Y'U RWANDA

INTARA Y'AMAJYEPFO

AKARERE KA NYARUGURU

INAMA NJYANAMA

IBYEMEZO BY'INAMA NJYANAMA ISANZWE Y'AKARERE KA NYARUGURU YO KUWA 28/06/2019.

INTANGIRIRO

Inama Njyanama isanzwe y'Akarere ka Nyaruguru yateraniye kuwa 28 Werurwe 2019 iyobowe na Perezida wayo Bwana MUNGWAKUZWE Yves, yitabiriwe n'Abajyanama 23 kuri 28 bagize Inama Njyanama y'Akarere.
Inama yitabiriwe n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere, Umuyobozi w'Imirimo rusange mu Karere, Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'imirenge, Abayobozi b'amashami ku Karere na ba Perezida b'Inama Njyanama z'Imirenge.

Abajyanama bitabiriye Inama Njyanama ni aba bakurikira:

1. Umujyanama MUNGWAKUZWE Yves
2. Umujyanama MURERAMANZI Jerôme
3. Umujyanama KAMPOGO Dative
4. Umujyanama BAKANTWARI Chantal
5. Umujyanama HABITEGEKO François
6. Umujyanama BAYINGANA Wellars
7. Umujyanama DUSABE Marie Josée
8. Umujyanama GASHEMA Janvier
9. Umujyanama HABIMANA Thadée
10. Umujyanama KAYITESI Colette
11. Umujyanama KAYIRANGWA Beatha
12. Umujyanama KAYITSINGA Jean Marie Vianney
13. Umujyanama MUKAMUZIMA Faina
14. Umujyanama MURERA Sylvain
15. Umujyanama MURWANASHYAKA Emmanuel
16. Umujyanama MUTIGANDA Innocent
17. Umujyanama NSANZIMANA Ildephonse

18. Umujyanama NYIRAKAMONDO Cathérine
19. Umujyanama NYIRAKANYANA Marie Claire
20. Umujyanama REMEZO Boniface
21. Umujyanama RUGIRABAGANWA Domitien
22. Umujyanama SEMANZI Védaste
23. Umujyanama UWIRINGIYIMANA Françoise

Abajyanama batitabiriye inama bafite impamvu

1. Umujyanama MUTANGANA David
2. Umujyanama NSHIMIYIMANA J.Claude
3. Umujyanama NYIRABAHINYUZA Médiatrice
4. Umujyanama SINDAYIGAYA Samuel
5. Umujyanama MUKAMABANO Agnès

Ku murongo w'ibyigwa hari ingingo zikurikira:

1. Gusoma no kwemeza inyandikomvugo y'Inama Njyanama isanzwe yo kuwa 29/03/2019 n' iz'Amakomisiyo;
2. Gusuzuma ishyirwa mu bikorwa ry'ibyemezo by'Inama Njyanama isanzwe yo kuwa 29/03/2019,
3. Gusuzuma raporo y'ibikorwa bya Komite Nyobozi by'amezi atandatu (Mutarama -Kamena 2019)
4. Gusuzuma no kwemeza gahunda y'ibikorwa y'umwaka wa 2019/2020
5. Gusuzuma ishyirwa mu bikorwa ry' ingengo y'imari y'Akarere ya 2018/2019 no kwemeza ingengo y'imari ya 2019/2020;
6. Gusuzuma ishyirwa mu bikorwa rya gahunda y'itangwa ry'amasoko y'umwaka wa 2018/2019 no kwemeza gahunda y'itangwa ry'amasoko y'umwaka wa 2019/2020
7. Kwemeza Tarifu y'imisoro n'amahoro y'umwaka wa 2019/2020
8. Gusuzuma raporo ya Komisiyo y'imiyoborere myiza ku mikorere ya serivisi z'irangamimerere mu mirenge
9. Gusuzuma inyandiko zandikiwe Inama Njyanama;
10. Ibindi

Nyuma yo kuganira ku ngingo zavuzwe hejuru abagize Inama Njyanama y'Akarere bafashe ibyemezo bikurikira:

Icyemezo cya 1

Nyuma yo gusuzuma no gukora ubugororangingo bw'inyandikomvugo z'inama zitandukanye, Inama Njyanama mu bwumvikane busesuye yemeje inyandikomvugo zikurikira:

- Inyandikomvugo y'inama Njyanama isanzwe yo ku wa 29 Werurwe 2019;
- Inyandikomvugo ya Komisiyo y'imari n'iterambere ry'ubukungu yo ku wa 06/05/2019, iyo ku wa 24/05/2019 n'iyo ku wa 14/06/2019;

- Inyandikomvugo ya Komisiyo y'iterambere ry'Imibereho myiza yo ku wa 29/04/2019 n'iyo ku wa 27/05/2019;
- Inyandikomvugo ya Komisiyo y'Imiyoborere myiza yo ku wa 09/04/2019, iyo ku wa 10/05/2019 n'iyo ku wa 26/06/2019.

Icyemezo cya 2

Hashingiwe kuri raporo ya Komisiyo y'imari n'iterambere ry'ubukungu ku kibazo Bwana NTAZINDA Ignace umuyobozi KIGASARI CAMPANY Ltd yari yagejeje ku nama Njyanama ayisaba kurenganurwa, Inama Njyanama mu bwumikane busesuye yemeje ko KIGASALI CAMPANY Ltd ihabwa uburenganzira bwo guhinga ikawa gufasha Abaturage kubona ingemwe z'ikawa no kubaka uruganda rwa Kawa mu murenge wa Ruramba. Inama Njyanama kandi yasabye Komite Nyobozi kuvugurura no gukememura ibibazo bigaragara muri zoning y'ikawa.

Icyemezo cya 3

Inama Njyanama imaze gusuzuma ibikorwa byakozwe na Komite Nyobozi kuva muri Mutarama kugeza muri Kamena 2019 yasanze bigeze ku kigereranyo cyiza, isaba ko ibikorwa bitagezweho byashyirwamo imbaraga nabyo bikazamuka.

Icyemezo cya 4

Inama Njyanama imaze gusuzuma gahunda y'ibikorwa byateganyijwe gukorwa mu mwaka wa 2019/2020, mu bwumvikane busesuye yabyemeje kandi isaba ko bitangira gushyirwa mu bikorwa kare nkuko byateganyijwe.

Icyemezo 5

Inama Njyanama imaze gusuzuma ishyirwa mu bikorwa ry'ingengo y'imari y'umwaka wa 2018/2019 yari igizwe na Miliyari Cumi na zirindwi, Miliyoni ijana n'umunani ibihumbi Magana abiri na Mirongo inani na birindwi n'amafaranga Magana atatu na cumi **(17,108,287,310)** igasanga yarakoreshejwe kugeza 85.21%, imaze guhabwa ibisobanuro ku mpamvu zatumye idakoreshwa uko yari yateganyijwe, mu bwumvikane busesuye yemeje ingengo y'imari y'umwaka wa 2019/2020 ingana na Miliyari cumi n'umunani, Miliyoni ijana na makumyabiri n'ebyiri, ibihumbi Magana ane makumyabiri na birindwi n'amafaranga Magana atanu na makumyabiri n'ane **(18,122,427,524Frw).** Inama Njyanama kandi yasabye ko ingengo y'imari yajya ikoreshwa neza nkuko yatowe

Icyemezo cya 6

Inama Njyanama mu bwumvikane busesuye yemeje gahunda y'itangwa ry'amasoko y'umwaka wa 2019/2020, isaba ko hanozwa ingengabihe kugirango amasoko azatangwe kare n'ibikorwa bikorwe ku gihe kandi bikorwe neza

Icyemezo cya 7

Inama Njyanama mu bwumvikane busesuye yemeje tarifu y'imisoro n'amahoro y'umwaka wa 2019/2020 nkuko yavuguruwe hakongerwamo amahoro ku mutungo kamere, ubukode bw'ibyumba byo gucururizamo mu isoko rya kijyambere rya Kibeho no umusoro wo gutera inka intanga.

Icyemezo cya 8

Inama Njyanama ishingiye ku cyifuzo cya Komisiyo y'imari n'iterambere ry'ubukungu, ishingiye ku rwandiko N^{O} 1210 rwanditswe n'Umuyobozi w'Akarere ka Nyaruguru asaba kongerera abakozi umushahara, ishingiye ku itegeko N^{O} 87/2013 ryo ku wa 11/09/2019 rigena imitunganyirize n'imikorere y'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe Abaturage mu ngingo ya 79, mu bwumvikane busesuye yemeje inyongera ku mushahara ingana na 10% y'umushahara fatizo ku bakozi bose b'Akarere ka Nyaruguru.

Icyemezo cya 9

Inama Njyanama mu bwumvikane busesuye yemeje ko amafaranga amaze igihe kuri comptes z'imirenge yari agenewe Biogaz Akarere gakomeza gukurikirana ubusabe kagejeje muri MINALOC kugirango ayo mafaranga azakoreshwe ibyo Akarere kagaragaje.

Icyemezo cya 10

Hashingiwe ku cyifuzo cya Komite Ngenzuzi Inama Njyanama mu bwumvikane busesuye yemeje ko abayobozi b'ibigo byagaragaweho amakosa akomeye mu gucunga umutungo wa Leta mu bugenzuzi bwite bwakozwe mu gihembwe cya 3 2018/2019, bazatumizwa muri District Accountability Committee bakisobanura ku makosa yabagaragawe.

Icyemezo cya 11

Hashingiwe ku rwandiko rwo ku wa 25/06/2019 Umuyobozi w'Akarere yandikiye Perezida w'Inama Njyanama asaba ko ubutaka bufite UPI N^{O}10129 bwubakwamo ibiro bya Police n'amacumbi bigezweho, hashingiwe ku itegeko N^{O} 87/2013 rigena imitunganyirize n'imikorere y'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage mu ngingo yaryo ya 125 agaka ka 9, Inama Njyanama mu bwumvikane busesuye yemeje ko ubutaka bufite ubuso bungana na 2,146.6 sqm bubaruye kuri UPI 10129 buhabwa Polisi y'Igihugu y'Igihugu ishami rya Nyaruguru, ariko hakazabanza gukorwa subvidivision Police igahabwa UPI yayo kuko iki kibanza ni na cyo cyubatsemo inyubako y'Akarere.

Icyemezo cya 12

Hashingiwe ku rwandiko N^{O} 1240 Umuyobozi w'Akarere yandikiye Perezida w'Inama Njyanama asaba kwagura ubuhinzi bw'icyayi no kugaragarizwa imiterere y'umushinga, Inama Njyanama mu bwumvikane busesuye yemeje ishingiro ry'umushinga wo kwagura ubuhinzi bw'icyayi bizakorwa n'Uruganda rw'Icyayi rwa bungana na hegitare 489.7179611 mu mirenge ya Cyahinda, Rusenge, Kibeho na Mata, mu misozi ihanamiye umugezi w'Akavuguto bigaragara

ko ubutaka buhari budakoreshwa uko bikwiye, isaba kandi ko bizakorwa hatabangamiwe inyungu z'umuturage, Akarere kakazabigiramo uruhare gafatanyije na Mata Tea Campany hifashishijwe abagenagaciro bemewe na Lata. Inama Njyanama isaba ko Komisiyo y'imari n'iterambere ry'ubukungu izakurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'uyu mushinga.

Icyemezo cya 13

Hashingiwe ku rwandiko N° 1250 rwanditswe n'Umuyobozi w'Akarere asaba konji z'abagize Komite Nyobozi y'Akarere, Inama Njyanama mu bwumvikane busesuye yemeje ko abagize Komite Nyobozi bazajya mu kiruhuko cy'umwaka wa 2019/2020 ku buryo bukurikira:

1. HABITEGEKO François 16/07/2018 kugeza 14/08/2019
2. GASHEMA Janvier 01/12/2019 kugeza 31/12/2019
3. KAYITESI Collette 16/08/2019 kugeza 14/09/2019

Icyemezo cya 14

Hashingiwe ku rwandiko rwanditswe n'Umuyobozi w'Akarere asaba Perezida w'Inama Njyanama ko hakwemezwa ahantu himuwe abantu ku mpamvu z'inyungu rusange,hashingiwe ku itegeko N^{O} 32/2015 ryo ku wa 11/06/2015 ryerekeye kwimura abantu ku mpamvu z'inyungu rusange mu ngingo ya 9 agaka ka mbere, Inama Njyanama mu bwumvikane busesuye yemeje ubutaka bwose bwimuweho abantu ku mpamvu z'inyungu rusange, ndetse isaba ko imitungo yose Akarere kishyuye ku mpamvu z'inyungu rusange yandikwa mu mitungo bwite y'Akarere ka Nyaruguru.

Icyemezo cya 15

Hashingiwe ku rwandiko N^{O}1211 rwanditswe n'Umuyobozi w'Akarere asaba operational fund y'abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge, Inama Njyanama ishingiye ku kazi abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge basabwa gukora, descente bagomba gukora, kujya gukemura ibibazo bya Human security, hashingiwe kuri fonctinnement nke Akarere gatanga, mu bwumvikane busesuye yemeje ko Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge bahabwa operational fund ku buryo bukurikira:

BUSANZE, RUHERU, KIVU, MUGANZA na NYABIMATA bazajya bahabwa amafaranga ibihumbi ijana na mirongo itanu 150,000F ku kwezi, indi mirenge isigaye ihabwe amafaranga ibihumbi ijana 100,000F ku kwezi.

Icyemezo cya 16

Inama Njyanama mu bwumvikane busesuye yemeje ko Akarere kandika mu bitabo by'ibaruramari amafaranga **2,143,100** yagarujwe kuri konti y'Akarere kubera inama zatanzwe n'umugenzuzi mukuru w'imari ya Leta mu mwaka wa 2016/2017; gukura umwenda ungana na **6,551,020Frw** mu bitabo by'ibaruramari Bwana HARERIMANA Pascal yatsindiye Akarere ka Nyaruguru mu rukiko rukuru urugereko rwa Nyanza, nyuma Akarere gasaba gusubirishamo ingingo nshya bituma yishyurwa **2,000,000F** aho kuba **8,511,020F.**

Icyemezo cya 17

Inama Njyanama mu bwumvikane busesuye yemeje sites zizakorerwaho ibikorwa by'inyungu rusange mu mwaka wa 2019/2020, isaba ko abantu bose bazimurwa bazahabwa ingurane nkuko biteganywa n'itegeko N^{O} 32/2015 ryo ku wa 11/06/2015 ryerekeye kwimura abantu ku mpamvu z'inyungu rusange mu ngingo ya 9 agaka ka mbere.

Icyemezo cya 18

Nyuma yuko Inama Njyanama yemeje ko abagize Inama Njyanama bafashwa mu kuzuza inshingano zabo bahabwa imashini (laptops) zifite agaciro k'amafaranga 540,512, Inama Njyanama mu bwumvikane busesuye yemeje ko buri mujyanama azishyura 18% ku ijana y'agaciro kose k'imashini mu gihe cy'umwaka w'ingengo y'imari ya 2019/2020.

UMUSOZO

Inama Njyanama yasoje imirimo yayo saa kumi n'ebyiri (18h00) Perezida w'Inama Njyanama ashimira abayitabiriye n'ibitekerezo batanze.

Umwanditsi w'Inama:

KAMPOGO Dative
Umunyamabanga w'Inama Njyanama

Umuyobozi w'Inama:

MUNGWAKUZWE Yves
Perezida w'Inama Njyanama

REPUBULIKA Y'U RWANDA

Nyanza, ku wa 19.07.2019
N° 008/07.02

INTARA Y'AMAJYEPFO
BP 41 NYANZA
TEL 252533385 FAX 252 533380

Bwana Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere ka NYARUGURU
NYARUGURU

Impamvu : Ibyemezo by'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka NYARUGURU yateranye ku wa 28 Kamena 2019

Bwana Perezida,

Nyuma yo gusuzuma ibyemezo by'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Nyaruguru yateranye ku itariki ya 28 Kamena 2019 bikatugeraho ku itariki ya 10 Nyakanga 2019, turabashimira ibyemezo byafashwe tukaba tubasaba ko bishyirwa mu bikorwa uretse:

- **Icyemezo cya 18** cyo guha abajyanama "laptops" bakazishyura 18% by'agaciro k'imashini mu gihe cy'umwaka wa 2019-2020 ubuyobozi bw'Akarere bugomba kubanza gushakira "*computers*" abakozi batanga serivisi mu baturage kandi kugeza ubu mu igenzura ryakozwe n'Intara muri Werurwe 2019 ryagaragaje ko mu Karere ka Nyaruguru abakozi 251 nta "*computers*" bagira.
- **Icyemezo cya 2** cyemerera KIGASARI CAMPANY Ltd Kubaka uruganda rwa kawa mu Murenge wa Ruramba turabagira inama yo kwegera NAEB mukayigisha inama kuko ariyo ifite mu nshingano gutanga uburenganzira bwo kubaka uruganda rutunganya kawa.

Mugire akazi keza.

CG GASANA K. Emmanuel
Guverineri w'Intara y'Amajyepfo

Bimenyeshejwe :
- Bwana Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu;
  KIGALI
- Bwana Umuyobozi w'Akarere ka Nyaruguru
  NYARUGURU

REPUBULIKA Y'U RWANDA

Nyanza, ku wa 19.07.2019
N° 008/17.02

NYARUGURU DISTRICT
DATE OF RECEPTION
25 JUL 2019
Received by: nyyama
Registration No: 2966
To be treated by:

INTARA Y'AMAJYEPFO
BP 41 NYANZA
TEL 252533385 FAX 252 533380

Bwana Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere ka NYARUGURU
NYARUGURU

Impamvu : Ibyemezo by'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka NYARUGURU yateranye ku wa 28 Kamena 2019

Bwana Perezida,

Nyuma yo gusuzuma ibyemezo by'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka NYARUGURU yateranye ku itariki ya 28 Kamena 2019 bikatugeraho ku itariki ya 10 Nyakanga 2019; turabashimira ibyemezo byafashwe tukaba tubasaba ko bishyirwa mu bikorwa uretse:

- **Icyemezo cya 18** cyo guha abajyanama "laptops" bakazishyura 18% by'agaciro k'imashini mu gihe cy'umwaka wa 2019-2020 ubuyobozi bw'Akarere bugomba kubanza gushakira "*computers*" abakozi batanga serivisi mu baturage kandi kugeza ubu mu igenzura ryakozwe n'Intara muri Werurwe 2019 ryagaragaje ko mu Karere ka Nyaruguru abakozi 251 nta "*computers*" bagira.
- **Icyemezo cya 2** cyemerera KIGASARI CAMPANY Ltd Kubaka uruganda rwa kawa mu Murenge wa Ruramba turabagira inama yo kwegera NAEB mukayigisha inama kuko ariyo ifite mu nshingano gutanga uburenganzira bwo kubaka uruganda rutunganya kawa.

Mugire akazi keza.

CG GASANA K. Emmanuel
Guverineri w'Intara y'Amajyepfo

Bimenyeshejwe :
- Bwana Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu;
  KIGALI
- Bwana Umuyobozi w'Akarere ka Nyaruguru
  NYARUGURU